Professional Bailiffs Association
Corps des Huissiers de Justice Professionnels
Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga

Kigali, ku wa 21/05/2021
Ref No: 146/PBA/2021

## ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

Ubuyobozi bw'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko buravuguruza ibikubiye mu nkuru yakozwe n'Ikinyamakuru Ingenzinyayo.com kuwa 18/05/2021 yavugaga ko Abahesha b'Inkiko b'Umwuga binubira akato bashyizwemo na Minisitiri w'Ubutabera Johnston Busingye.

Ubuyobozi bw'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga buhagarariwe na Perezida warwo Me SEBERA Nyunga Antoine, buratangaza ko nk'uko byagaragajwe mu itangazo ryasohowe na Minisiteri y'Ubutabera kuwa 25 Werurwe 2021, guhagarika imirimo igendanye no kurangiza inyandikompesha mu gihe kigufi byari bigamije kuvugurura uburyo bw'ikoranabuhanga busigaye bukoreshwa mu kurangiza inyandikompesha, kandi ibi byakozwe mu nyungu rusange z'umwuga w'Ubuhesha bw'Inkiko kugira ngo ubu buryo bufashe guca akajagari kari gasigaye kagaragara cyane cyane muri za Cyamunara.

Iri tangazo ryashyizwe ahagaragara kandi abahesha b'Inkiko bose bamenyeshejwe impamvu y'ihagarikwa ry'imirimo yabo ndetse bamwe muri bo basabwe gukosora no kongera muri "System" irangirizwamo inyandikompesha ibisabwa byose batari bashyizemo uko bikwiye.

Ibi biravuguruza ibivugwa mu nkuru yanditswe n'umunyamakuru Kimenyi Claude wa Ingenzinyayo.com wanditse ko Abahesha b'Inkiko barimo kurenganywa na Minisitiri w'Ubutabera.

Kuva kuwa 25 Werurwe kugera 18 Gicurasi 2021, bafashijwe n'ubuyobozi bw'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga, nibwo Abahesha b'Inkiko bose bari bafite ibibazo batarakemura muri System ikoreshwa mu kurangiza inyandiko mpesha bamaze kubikemura ndetse hakozwe raporo ikubiyemo ibyasabwaga byose kugira ngo Minisiteri y'Ubutabera yongere ikomorere Abahesha b'Inkiko b'Umwuga.

Ubuyobozi bw'Urugaga kandi bwemeza ko nta kibazo na kimwe kiri hagati y'uru rwego na Minisiteri y'Ubutabera kandi ko rwizeye ko imirimo y'irangizwa ry'Imanza idatinda kongera gufungurwa, bityo Abahesha b'Inkiko b'Umwuga bagakomeza gutanga ubutabera barangiza inyandikompesha kuko ibyasabwaga gutunganywa byose byakozwe.

Kugeza ubu Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga rugizwe n'abanyamuryango 496 bose bagomba gukorera imirimo yabo mu buryo bw'ikoranabuhanga Integrated Electronic Case Management System (IECMS).

Bikorewe I Kigali, Kuwa 21/05/2021

**Me SEBERA NYUNGA Antoine**
**Prezida w'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga**

CORPS DES HUISSIERS DE JUSTICE PROFESSIONNELS
KIGALI - RWANDA

**Web:**www.pba-co.org **E-mail:**info@pba-co.org **Twitter:** @BailiffsRwanda
**Facebook:**Probailiffs Rwanda **Po box:**3975 Kigali-Rwanda
**Telephones:** 0788306975/0738306975/0788533598